**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA MUSANZE**

**ICYEMEZO N° 04/2022/TGI/MUS GITEGEKA ABATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa **2022**, Umunsi wa **08** w'Ukwezi kwa **03**;

**Twebwe NSENGIYUMVA Félicien** , Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze, dufashijwe na **MALAYIKA Marie Chantal** , Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona urubanza **RP 00414/2021/TGI/MUS**, Ubushinjacyaha buregamo **NTEZIRYAYO Euphrem** mwene NDIKUBWIMANA Pio na NYIRAMUSWA Capitorina utuye mu mudugudu wa Ramba, akagali ka Kabushinge, umurenge wa Rwaza, akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, akaba ariho yari atuye, ntacyo atunze kizwi , ,akurikiranywe **yaratorotse ubutabera;**

Tumaze kubonako akurikiranyweho icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 121 y'itegeko n°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange;

**Tumaze** kubona ko uregwa yatorotse ubutabera nk'uko bigaragazwa n'umwanzuro wo gutanga ikirego wakozwe n'ubushinjacyaha ,

**Dushingiye** ku ngingo ya 160, iya 161 n'iya 162 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha

**Dutegetse** ko **NTEZIRYAYO Euphrem** yitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze kuwa **11/04/2022 sa mbiri za mugitondo**, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, ndetse urubanza rukazaburanishwa adahari;

**Dutegetse** ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru Imvaho Nshya cyangwa kuri **web site** y'Urukiko rw'Ikirenga kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze., ku Karere ka Burera , no ku Murenge wa Rusarabuye .

**N'UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.**

| **PEREZIDA** | **UMWANDITSI** |
|---|---|
| **NSENGIYUMVA Félicien** | **MALAYIKA Marie Chantal** |